Repubulika y'u Rwanda
Ubutegetsi bw'Ubucamanza

ITANGAZO RY'IBYEMEZO BY'INAMA NKURU Y'UBUCAMANZA

Kuwa gatanu, tariki 22 Ukuboza 2023, Inama Nkuru y'Ubucamanza yateranye, iyobowe na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza, Dr Faustin NTEZILYAYO, ifata ibyemezo binyuranye birimo ibi bikurikira:

1) Yemeje ibyemezo byafashwe na Biro y'Inama Nkuru y'Ubucamanza ku buryo bukurikira:
   - *Icyemezo cyo gushyiraho abacamanza baburanisha imanza zo mu Ngereko zihariye z'Inkiko Zisumbuye*
   - *Icyemezo cyo gusezerera ku kazi nta mpaka umucamanza SHONERI MUGANWA Dickson wataye akazi*
   - *Icyemezo cyo kwemerera umwanditsi w'urukiko rw'ubujurire KATABOGAMA Aaron guhagarika akazi mu gihe kitazwi*
   - *Icyemezo cyo kwemerera umwanditsi w'urukiko rw'ibanze HAVUGIMANA Anasatse gusezera ku kazi*
   - *Icyemezo cyo kongera Manda y'Umuyobozi w'Urukiko Rwisumbuye*

2) Yagize Madamu MUKARUMANZI Angeline, Perezida w'Urugereko rw'Urukiko Rukuru i Rwamagana

3) Yemejwe abacamanza b'inkiko z'ibanze bagengwa n'amasezerano y'umurimo n'abanditsi bakuru b'Inkiko z'Ibanze

4) Yemeje mu kazi burundu abacamanza 6 n'abanditsi 19 b'inkiko z'ibanze barangije igeragezwa.

5) Yahaye ihanagurabusengwa uwahoze ari umucamanza n'uwahoze ari umwanditsi b'inkiko zisumbuye

6) Yasezereye ku kazi nta mpaka umucamanza MUHIZI Jimy kubera guta akazi

7) Yahanishishe, MUKANTAGANIRA Angelique, wari umwanditsi mukuru mu Rukiko rw'Ibanze rwa Gakenke, igihano cyo kwamburwa ishingano y'ubuyobozi kubera amakosa yo mu kazi.

Bikorewe i Kigali, kuwa 22/12/2023

MUTABAZI Harrison
Umugenzuzi w'Inkiko akaba n'Umuvugizi w'Inkiko